N.F.P.O

No 238November2021

MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



# La délégation du Niger en visite d'étude au Rwanda a apprécié la plaidoirie faite par le Forum en faveur des femmes-cadres des Formations politiques rwandaises

Ce Mercerdi, le 24 Novembre 2021, dans la salle de formation de *'Rwanda Cooperation Initiative'*, la délégation de l'Observatoire National pour la promotion du Genre en République du Niger, en visite d'étude au Rwanda, a récu une présentation sur la plaidoirie faite par le Forum National de Concertation des Formations Politiques pour l'égalité des genres et la promotion des femmes-cadres des Formations politiques afin d'accroître leur nombre dans des organs dirigeants et de prise de décisions.
Cette délégation était conduite par Madame Hadari Zinabou, Directrice Adjointe de Cabinet du Premier Ministre du Niger.
La présentation a porté sur l'origine du Forum, sa base légale, ses missions principales, ses members, ses organes, ainsi que ses programmes dont ceux développés pour faire la plaidoirie pour l'égalité entre femmes et hommes, et la promotion des femmes dans des organs de direction au sein de leurs formations politiques respectives et dans des instances dirigeantes du pays.




La délégation du Niger a été informée que l'idée de création du Forum National de Concertation des Formations Politiques au Rwanda remonte lors des négotiations d'Accord de Paix d'Arusha en Tanzanie, entre l'Armée Patriotique Rwandaise et le Gouvernement du Rwanda en 1993. Les Consultations nationales d'Urugwiro de 1998-1999 ont également insisté sur l'existence de ce Forum.
Le Forum est ainsi devenu un organe de la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015, en son article 59. Il est un cadre politique de dialogue et d'échange sur des politiques et problèmes nationaux, et a pour but la promotion du consensus démocratique et la cohesion nationale.

***Cadre légal de promotion des femmes au sein des formations politiques members du Forum***

Parlant du cadre légal de promotion des femmes au sein des Formations politiques au Rwanda, Mr Sindayieheba Fabien, délegué du Forun, a souligné que le point de départ se trouve dans la Constitution rwandaise de 2003, révisée en 2015, en son article 10 qui parle des principes fondamentaux. Le principe n° 4 insiste sur *l'égalité de tous les Rwandais et égalité entre hommes et femmes reflétée par l'attribution aux femmes d'au moins trente pour cent (30%) des postes dans les instances de prise de décisions*.

L'article 56 de cette même constitution enchérit que *les Formations politiques doivent toujours refléter l'unité nationale ainsi que l' égalité et la complémentalité entre hommes et femmes dans le recrutement des members, dans la mise en place des organs dirigeants, et dans leur fonctionnement et leurs activités.*
Le Règlement d'Ordre Intérieur du Forum stipule que, chaque Formation politique au sein de **l'Assemblée générale** est représentée par quatre (4) personnes faisant partie de sa direction, au moins deux doivent être de sexe féminin. Le **Bureau du Forum** composé du Porte-parole et du Porte-parole adjoint, au moins l'un des membres doit être de sexe féminin. Au niveau des 3 **commissions permanentes du Forum**, la représentation des femmes est obligatoire. C'est ainsi que pour la Commission d'éthique et de résolution des conflits, sur 7 membres, 3 sont des femmes; pour la Commission des programmes et partenariat, sur 7 membres, 3 sont des femmes; et pour la Commission de communication et de dialogue politique, sur 7 membres, 5 sont des femmes.

***Programmes de renforcement des capacités et de plaidoirie en faveurs des femmes-cadres des Formations politiques members du Forum***

Sagissant des programmes développés par le Forum et qui mettent un accent particulier sur le renforcement des capacités des femmes issues des Formations politiques members du Forum, il a été souligné que le **'Women Political Leadership Training Program (WPLP**)" est un programme de leadership politique destiné aux femmes. Celui-ci est une série de formations continues, préparées par le Forum de concertation des Formations Politiques au bénéfice des femmes-cadres membres des Formations politiques. Ce programme a pour but d'encourager les femmes à faire partie des organes de direction au sein de leurs Formations politiques respectives et des organes de prise de décisions du pays.

Le WPLP compte déjà à son actif**, 5,306 Femmes formées** jusqu'au mois de Novembre 2021**.** Ces femmes proviennent des 11 Formations politiques members du Forum.
L'autre important programme est le 'Y**outh Political Leadership Academy (YPLA)'.** Il s'agit d'un Programme de formation à l'Académie de Leadership Politique des Jeunes.

Ce programme couvre plusieurs aspects: des concepts de la politique, de la démocratie, leadership et gouvernance politique. Il y a également des présentations sur des politiques publiques et la promotion du genre, compétition politique, et gestion de conflits politiques. Il y a enfin la communication politique et la mobilisation de resources. Cette formation vise à renfoncer les capacités et compétences des jeunes, et à les sensibiliser à leur apport dans le développement de leurs Formations politiques respectives et à leur prise de conscience en tant que responsables rwandais de demain.
Depuis 2010, à nos jours 1,202 Jeunes (hommes et femmes) en provenance des 11 Formations politiques du Forum ont terminé ce programme. **Le nombre des jeunes lauréats pour les deux sexes étant presque egal (sexe masculin= 50.3% contre 49.7% de Sexe féminin ).**
**D'autres pratiques visant la promotion des femmes au niveau du Forum** sont notamment:

***la nomination des sénateurs représentant le Forum au SENAT.***
Conformément aux dispositions de l'article 80 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015, pendant les élections des membres du parlement, Chambre du Sénat, **le Forum nomme quatre (4) sénateurs en provenance de différentes Formations Politiques membres ; au moins deux sénateurs doivent être de sexe féminin**.

***L'observation des élections***

Chaque fois qu'il y a organisation des élections à caractère national, le Forum organise une observation électorale et envoie un nombre important des observateurs dans tous les districts du pays pour observer les préparatifs et le déroulement des élections. Ces observateurs sont constitutés d'un nombre important des femmes que des hommes.

C'est dans ce cadre que pour les récentes élections des autorités des instances décentralisées, d'Octobre – Novembre 2021, le Forum a envoyé 81 observateurs dans 27 Districts. **Les femmes représentaient 50.6% soit 41 femmes contre 40 hommes observateurs du Forum. Et parmi les 27 chefs d'équipes des observateurs du Forum, 13 étaient des femmes (soit 48.1%).** Le rapport des observateurs du Forum est présenté à l'Assemblée générale avant sa transmission à la Commission Nationale Electorale.

Mr Sindayiheba Fabien a terminé sa présentation en soulignant que, chaque programme de renforcement des capacités en faveur des membres des Formations politiques doit tenir compte du nombre égal des femmes que des hommes. Le WPLP, programme spécifique de renforcement des capacités des femmes issues des Formations politiques permet d'augmenter le nombre des femmes qui s'intéressent à la politique et qui, à la longue, occupent des postes de direction au sein de leurs Formations que dans d'autres instances du pays.

La délégation du Niger en visite d'étude au Rwanda a salué le role que joue le Forum National de Concertation des Formations Politiques dans la promotion des femmes-cadres' members des Formations politiques et a apprécié ses programmes spécifiques visant le renforcement des capacités des femmes et des jeunes (futurs dirigents de demain).

## MU MYITEGURO YO GUKURIKIRANA IMIGENDEKERE Y'AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU MU 2021 INDORERERZI Z'IHURIRO ZAHAWE UBUTUMWA



*Tariki ya 12 Ugushyingo 2021, ku biro by'Ihuriro ku Kacyiru mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali, habereye inama yateguwe n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki igamije guha ubutumwa bwihariye Indorerezi z'Ihuriro ku kugurikirana imigendekere y'a*matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'Igihugu mu 2021, *ateganijwe mu Turere twose tw'Igihugu muri uku kwezi kw'Ugushyingo 2021.*

*Ibi byabaye nyuma y'uko, ku butumire bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko bisanzwe, Ihuriro ryateganije* ***indorerezi mirongo inani n'imwe (81) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize rizohereza mu Turere makumyabiri na turindi (27) mu Ntara y'Iburasirazuba, iy'Iburengerazuba, iy'Amajyepfo, n'iy'Amajyaruguru,*** *gukurikirana imigendekere y'a*matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'igihugu mu 2021.

Mu gutangiza iyi nama, Umuvugizi w'Ihuriro Hon. HARERIMANA Fatou, yavuze ko iyi nama igamije kwibutsa uruhare rw'abagize Ihuriro mu migendekere myiza y'amatora, haba mbere, mu gihe cy'amatora na nyuma y'amatora no kwibutsa indorerezi z'Ihuriro amabwiriza mu matora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'Igihugu mu 2021.

Umuvugizi w'Ihuriro yasabye izi ndorerezi kugenzura ko amategeko n'amabwiriza yose arebana n'amatora yubahirijwe ndetse no kureba niba amatora akozwe mu mucyo, mu bwisanzure kandi hubahirizwa amahame ya demokarasi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro *Bwana GISAGARA Theoneste*, yavuze ko mu matora ategurwa mu rwego rw'Igihugu, Ihuriro ryohereza Indorerezi gukurikirana imyiteguro n'imigendekere yayo;. Izi ndorerezi zikaba zigizwe n'intumwa z'Imitwe ya Politiki n'abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bwaryo. Aha buri Mutwe wa politiki ukaba warohereje abantu 7, barimo nibura abagore batatu (3).

Akaba yarashimye Imitwe ya politiki yagennye izi ndorerezi, ashima kandi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku bufatanye bagaragariza Ihuriro.

Bwana GISAGARA yibukije ko buri ndorerezi y'Ihuriro yita by'umwihariko ku kureba niba "site" z'itora ziteguye neza; kureba ko ibikoresho by'amatora biri kuri site itorerwaho; kureba uko amatora yitabirwa; kureba niba amategeko n'amabwiriza byubahirizwa; kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa; kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora; kureba ibarura ry'amajwi; kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'inteko itora.

Yavuze ko muri ubu ubu butumwa, buri ndorerezi y'Ihuriro igomba kwambara umwambaro uyiranga no kwitwaza ibyemezo by'ubutumwa byatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha. Ibi byemezo byerekanwa aho biri ngombwa hose.

Agaruka ku bigomba kwitabwaho n'Indorerezi mu itsinda, yavuze ko Indorerezi z'Ihuriro zizakurikirana ibikorwa by'amatora nyirizina y'Abayobozi b'Inzego z'ibanze yo ku itariki ya **13/11/2021** n'ayo ku itariki ya **19/11/2021.**

Avuga kandi ko buri ndorerezi isabwe kurangwa n'ubunyangamugayo, ukwigirira icyizere, umurava n'ubunyamwuga (professionnalism); Kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga indorerezi muri rusange n'agenga indorerezi z'Ihuriro by'umwihariko, isabwa kandi kubahiriza amabwiriza yatanzwe n'Umuvugizi w'Ihuriro. Yibukije ko uwanyuranya n'aya mategeko n'amabwiriza yahanwa.

Muri iyi nama, indorerezi z'Ihuriro zagejejweho ibikoresho byangombwa kugira ngo zibashe gukurikirana neza ibikorwa by'amatora.

## IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI RYAKURIKIRANYE AMATORA Y'ABAYOBOZI B'INZEGO Z'IBANZE N'AB'INAMA Z'IGIHUGU MU 2021



Mu rwego rwo gukurikirana amatora y'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'ab'Inama z'Igihugu mu 2021, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje Indorerezi ziturukа mu Mitwe ya politiki irigize, mu Turere dutandukanye tw'Igihugu gukurikirana imyiteguro n'imigendekere y'ayo matora.

Mu itangazo iri Huriro ryamenyesheje abanyamakuru na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu nama yahuje indorerezi kuri uyu wa 20.11.2021 ku Biro by'Ihuriro, rivuga ko izi Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze n'ab'inama z'igihugu zishima ko aya matora yakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ayagenga

Indorerezi z'Ihuriro mirongo inani n'ebyiri (82) zituruka mu Mitwe ya Politiki cumi n'umwe (11) irigize zakurikiranye iki gikorwa mu Turere 27 tw'Igihugu, zikurikirana itora ryabaye tariki ya 13 Ugushyingo 2021, ahatowe abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere, n'Itora ry'abagize Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere, ryabaye tariki ya 19 Ugushyingo 2021.

Mu butumwa zari zahawe, Indorerezi z'Ihuriro zarebye uko "site" z'itora ziteguye; niba ibikoresho by'amatora byari kuri site itorerwaho; uko amatora yitabiriwe; niba amategeko n'amabwiriza byubahirizwa; uko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa; umutekano n'ituze byaranze amatora; kureba ibirebana n'ibarura ry'amajwi, ndetse n'uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'Inteko itora.

Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko amatora yamenyeshejwe Abanyarwanda ku buryo buhagije hakoreshejwe uburyo bunyuranye (Radio, Televiziyo, amatangazo, n'inama zakozwe hakoreshejwe ikoranabuhanga).

Zashimye ko ahabera amatora hari ibirango bigaragaza aho agomba kubera. Ibyumba by'Itora n'ubwihugiko byari biteguye neza, isuku kuri site y'ahatorerwa yari ishimishije. Ibikoresho by'amatora byagereye ku gihe ahabera amatora; abayobora amatora bari mu myanya yabo kandi babukereye.

Ikindi ni uko kuri buri site y'Itora, hubahirijwe ingamba zo kwirinda ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID 19.

Indorerezi z'Ihuriro zashimye uburyo amatora yagenze. Zabonye ko mu gihe umubare wa ngombwa usabwa kugira ngo itora ritangire wabaga uhari, abayobora itora batangizaga igikorwa.

Abakandida bari babukereye, bahabwa umwanya ungana n'amahirwe amwe yo kwiyamamaza imbere y'Inteko itora. Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko abatora batoye mu bwisanzure, mu mucyo, mu ibanga no mu mutekano.

Indorerezi z'Ihuriro zabonye ko abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'amatora bagaragaje umurava, ubunyamwuga n'ubwitange mu migendekere myiza y'amatora.

Ku birebana n'ibarura ry'amajwi, Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko ryabereye ku mugaragaro, ku buryo buri wese witabiriye icyo gikorwa yahitaga abona amajwi buri mu kandida yabonye.

Baba abakandida, baba n'abitabiriye igikorwa cyo kubarura amajwi, Indorerezi z'Ihuriro zabonye ko ibyavuye muri ayo matora byakiriwe neza

Iri tangazo rikaba risoza rivuga ko n'ubwo aya matora yakozwe mu gihe u Rwanda n'isi bahanganye no kurwanya icyorezo cya COVID 19, Ihuriro rishima ubushake Abanyarwanda b'ingeri zinyuranye bagaragaje bwo guhatanira kujya mu Nzego z'ubuyobozi kugira ngo bakomeze kugira uruhare mu miyoborere n'iterambere by'u Rwanda. Ibi bigaragazwa n'umubare munini w'abakandida wagiye ugaragara kuri buri cyiciro cy'itora, ndetse n'ubwitabire bukaba bwari ku rugero rushimishije.

Ihuriro rirashima kandi ubufatanye bwaranze Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu, Inzego z'Umutekano n'abaturage kugira ngo aya matora ategurwe kandi agende neza.

Indorerezi z'Ihuriro zikaba zisanga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yazakomeza kongerera abakorerabushake bayo, ubumenyi n'ubushobozi kugira ngo uruhare rwabo rujye rukomeza kuba nta makemwa mu bikorwa byose by'amatora bitegurwa mu Rwanda.

Mu gusoza inama y'indorerezi z'Ihuriro, Umuvugizi waryo Hon. HARERIMANA Fatou, yazishimiye akazi keza zakoze, ashimira n'Imitwe ya Politiki yazihisemo. Yavuze ko Raporo irambuye y'Indorerezi z'Ihuriro izashyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mu gihe giteganywa n'amategeko.